

ISENGESHO RISHYIZWE MU BIKORWA

Icyigisho cya 7 cyo ku wa
16 Gicurasi 2026

“Mwa bantu
mwe, mujye
muyiringira, Ibyo
mu mitima yanyu
mubisuke imbere
yayo, Imana ni
yo buhungiro
bwacu”


(Zaburi ya 62:8)



Pawulo atwingingira gukomeza “gusenga ubudasiba” (Abefeso 6:18), nubwo ibyacu byacika; nubwo igihe cyaba gishira tutabonye igisubizo cy’amasengesho yacu.

Mu bihe nk’ibi, amasengesho ya Eliya na Hana yadufasha kandi akadutera imbaraga.

Ariko se, twagombye gusenga dute? Ni iki twagombye gusaba? Ese twagombye gusenga turi twenyine cyangwa turi kumwe n’abandi? Ese isengesho ritwemerera kuvugana n’Imana gusa, cyangwa se rinatubashisha kuyitega amatwi?



- **Amasengesho mu bihe bigoye:**
 - ▶ **Eliya:** Isengesho mu bihe by’akaga
 - ▶ **Hana:** Amasengesho asa n’adasubizwa
- **Amasengesho y’icyitegererezo:**
 - ▶ **Yesu:** Ibigize isengesho
 - ▶ **Daniyeli:** Imiterere y’isengesho
- **Ibibazo bine ku isengesho**



AMASENGESHO
MU BIHE BIGOYE

ELIYA: ISENGESHO MU BIHE BY'AKAGA


"Na we aramusubiza ati 'Nagize ishyaka ryinshi ry'Uwiteka Imana Nyiringabo, kuko Abisirayeli bavuye mu isezerano ryawe bagasenya ibicaniro byawe, kandi bicishije abahanuzi bawe inkota. Ni jye jyenyine usigaye, nanjye baragenza ubugingo bwanjye ngo banyice.' " (1 Abami 19:10)



Ni gute Imana isubiza amasengesho yacu mu gihe cy'akaga?

Nyuma y'isengesho rito rya Eliya, Imana yahise isubiza ikoresheje umuriro (1 Abami 18:36–38).

Nyuma y'amasengesho arindwi yo gusaba imvura, Imana yohereje igicu gito cyahindutse umugaru ukomeye (1 Abami 18:42–45).



Igihe Eliya yasabaga gupfa, Imana yaricecekeye, ariko yohereza marayika wayo kumugaburira (1 Abami 19:4–8).

Eliya wari mu buvumo yihebye, yaje kumva ijwi ry'Imana risubiza isengesho rye ry'agahinda (1 Abami 19:9–18).

Igisubizo kimwe cyari cyihuse kandi gitangaje. Ikindi, cyaje nyuma y'ibihe birindwi byo gusenga, cyatumye imvura igwa. Amaherezo, nyuma y'iminsi 40, igisubizo cyatanzwe mu magambo kandi giteye imbaraga. Imana izi uburyo n'igihe cyo gusubiza muri buri kibazo cyacu.



HANA: AMASENGESHO ASA N'ADASUBIZWA

"Uyu mwana ni we nasabye kandi Uwiteka yampaye icyo namusabye." (1 Samweli 1:27)

Isengesho rya Hana ryo gusaba umwana risa n'aho ryasubijwe vuba n'Imana (nyuma y'amezi icyenda yo gutegereza mu byishimo, birumvikana) (1 Samweli 1:9–20).



Ariko, iyo dusomye imirongo ibanziriza iyi, tubona ko iki gisubizo cyafashe igihe kirekire cyane kugira ngo kiboneke (1 Samweli 1:1–8).


Penina, undi mugore wa Elikana, yari afite "abana"—ni ukuvuga abahungu barenga umwe—kandi "uko umwaka utashye" yababazaga Hana kuko Imana itari yaramuhaye urubyaro.

Ukurikije iyi ngingo, Hana yamaze imyaka ingahe asaba umwana ntabone igisubizo?

Hari igihe guceceka kw'Imana bishobora guterwa n'inarijye yacu (Yakobo 4:3), icyaha cyagundiriwe (Zaburi ya 66:18), kubura ukwizera (Yakobo 1:6); cyangwa, gusa ko atari cyo gihe gikwiriye. Uko biri kose, Imana ibona ishusho uko yakabaye kandi izi icyatubera cyiza (Yeremiya 29:11). Ihora isubiza isengesho risenganywe ukwizera, mu gihe cyayo no mu buryo bwayo (1 Yohana 5:14–15).



AMASENGESHO Y'ICYITEGEREREZO



YESU: IBIGIZE ISENGESHO

“Nuko musenge mutya muti 'Data wa twese uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe' ” (Matayo 6:9)



Gusenga amasengesho maremare kandi atondetse kugira ngo twemeze abayumva maze tubishimirwe si bwo buryo bwo gusenga Yesu yatwigishije (Matayo 6:5–8).

Amasengesho yacu agomba kuba ay'ukuri kandi yoroheje, mu mvugo isanzwe. Isengesho ni umugabane w'ingenzi mu mibereho yacu.



“Iga gusenga isengesho rigufi, rirasa ku ngingo, usaba icyo ukeneye koko. Iga gusenga mu ijwi riranguruye aho Imana yonyine ishobora kukumva. Ntugasenge ushaka kwemerwa, ahubwo usengane umwete, ushishikaye, ugaragaza gusonzera umutsima w'ubugingo.” (E.G. White, *Our high Calling*, May 4)





YESU: IBIGIZE ISENGESHO



Iki ni cyo cyitegererezo cy'isengesho Yesu yaduhaye:

“Data wa twese uri mu ijuru”

Dukeneye kumenya umubano wacu bwite dufitanye na Se w’abantu bose

“Izina ryawe ryubahwe”

Kwemera ukwera kw’Imana bidutera kuyegera dufite kwicisha bugufi no kubaha

“Ubwami bwawe buze”

Dukumbure kugaruka kwa Yesu

“Ibyo ushaka bibeho mu isi, Nk’uko biba mu ijuru”

Twemere ubutware bw’Imana kandi dusabe ko ibyo Imana ishaka ari byo bikorwa mu mibereho yacu no mu isi

“Uduhe none ibyokurya byacu by’uyu munsi”

Dusabe ibyo dukeneye kugira ngo tubeho, haba mu buryo bw’ibigaragara no mu buryo bw’umwuka

“Uduharire imyenda yacu, Nk’uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu”

Dukeneye kwihana, gusaba imbabazi, no kubabarira abatugiriye nabi, nk’uko Imana itubabarira

“Ntudukize mu bitwoshya, Ahubwo udukize Umubi”

Dusabe ubuhungiro no gukingirwa ikibi kiri muri iyi si

“Kuko ubwami n’ubushobozi n’icyubahiro ari ibyawe, None n’iteka ryose. Amen”

Twemere ko abo turi bo bose, ibyo dutunze, n’ibyo dukora byose ari iby’Imana. Ni Yo yonyine ikwiriye icyubahiro n’ishimwe

DANIYELI: IMITERERE Y'ISENGESHO

“Mpanga amaso Umwami Imana yanjye, mushakisha gusenga no kwinginga niyiriza ubusa, nambara ibigunira, nisiga ivu”
(Daniyeli 9:3)

Isengesho ryanditswe muri Daniyeli 9:4–19 ritwerekana imigabane ine y'ingenzi y'isengesho :

Guhimbaza
(Daniyeli 9:4)

Ibyifuzo
(Daniyeli 9:16–19)

Kwātūra no
kwihana
(Daniyeli 9:5–15)


Gushima
(Abafilipi 4:6)



Daniyeli yarogowe na Gaburiyeli mbere yuko arangiza isengesho rye (gushima Imana).

Iyi gahunda ireba amasengesho yacu yo mu rwiherero ndetse n'ayo mu ruhame. Birumvikana ko umugabane uvuga ku “kwātūra no kwihana” ugomba guhuzwa n'ubwoko bw'isengesho.

Iyi miterere idufasha kwerekeza isengesho ku Mana, ikarinda ko riba nk' “urutonde rw'ibyo duhaha” mu bubiko bw'Imana.





IBIBAZO BINE KU ISENGESHO

Niba Imana izi byose, kuki tugomba gusenga?

Isengesho rituzamura ku ntebe y'ubwami bw'Imana kandi rikaduhatira kwisuzuma no kongera gutekereza ku mubano wacu na Yo buri munsi. Nubwo twaba tutazi icyo kuvuga, Umwuka Wera aradufasha (Abaroma 8:26).



Kuki twasenga kandi ibintu byose bimeze neza?

Abamarayika batacumuye basenga Imana ubudasiba. Ni gute twe twagombye kubyitaho? Gutekereza ko tudakeneye Imana kubera ko ibintu byose bitugendekera neza ni ubwibone.



Nkwiriye gusengana na nde?

Bitewe n'ibihe:

1. Mu rwiherero. icyo gihe ni bwo isengesho ryacu riba iryo gusuka ibyacu cyane.
2. Turi kumwe n'umuryango cyangwa mu matsinda mato.
3. Mu rusengeru.



Ni gute nkwiriye gutega amatwi?

Uburyo busobanutse kandi bwizewe bwo kubikora ni uguhuza isengesho no kwigira Bibiliya nk'umugabane wo gusabana n'Imana kwacu bwite, tukirinda kwihugiraho cyangwa kwitega amatwi gusa.



“Amasengesho yacu akwiriye kurangwa no kumva ku buryo bwimbitse ibyo dukeneye ndetse n’icyifuzo gikomeye cy’ibyo dusaba; bitabaye ibyo ntazumvwa. Ariko ntitugomba kurambirwa ngo duhagarike amasengesho yacu kubera ko tutahise tubona igisubizo. “Ubwami bwo mu ijuru buratwaranirwa, intwarane zibugishamo imbaraga” (Matayo 11:12). Imbaraga zivugwa hano ni umurava wera, nk’uwo Yakobo yagaragaje. Ntitugomba kugerageza kwiyumvamo umurava, ahubwo tugomba kugeza amasengesho yacu ku ntebe y’ubuntu dutuje, kandi tudacogora. Umurimo wacu ni ukwicisha bugufi imbere y’Imana, tukatura ibyaha byacu, kandi mu kwizera tukegera Imana.”